REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'IMALI N'IGENAMIGAMBI

IJAMBO KU MUSHINGA W'INGENGO Y'IMALI Y'UMWAKA WA 2014/2015

INSANGANYAMATSIKO*: TWONGERE IBIKORWA REMEZO HAGAMIJWE KONGERA IBYOHEREZWA MU MAHANGA*

Rigejejwe ku Nteko ishinga amategeko
Tariki ya 12 Kamena 2014
na

Claver GATETE
Minisitiri

I. INTANGIRIRO

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

1. Nk'uko bitegenywa n'amategeko cyane cyane ingingo ya 79 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu ndetse n'ingingo ya 35, n'iya 38 z'Itegeko Ngenga ryerekeye Imali n'Umutungo bya Leta nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu; Mu izina rya Guverinoma, nejejwe no kubagezaho Umushinga w'itegeko rigena Ingengo y'Imali y'Umwaka wa 2014/2015.

2. Nkuko mubizi imbanzirizamushinga y'iyi ngengo y'imari ya 2014/15 twayibagejejeho mu mpera z'ukwezi kwa kane, tukaba tubashimira ibitekerezo mwayitanzeho tubizeza ko kandi byitaweho mu kunoza umushinga w'itegeko tubagezaho uyu munsi.

3. Mu myaka icumi ishize, ubukungu bwacu bwagiye bwiyongera kukigereranyo gishimishije aribyo byatumyeimibereho myiza y'abaturage irushaho gutera imbere.Nyamara ariko ntitwirengagiza ko mu myaka ibiri ishize twagize imbogamizi ku bukungu bw'igihugu cyacu, zaba izituruka imbere mu gihugu ndetse no hanze yacyo zikigaragara n'uyu munsi.By'umwihariko igipimo cy'izamuka ry'ubukungu ku rwego rw'isi kiracyari hasi nubwo muri rusange bugenda butera imbere. Bityo imiterere itari myiza y'ubukungu bw'isi ikaba igira ingaruka ku biciro by'ibicuruzwa twohereza ku masoko mpuzamahanga

ndetse n'inkunga duhabwa n'abaterankunga ari nabyo byitezwe gukomeza kuba imbogamizi ku izamuka ry'ubukungu bw'igihugu cyacu.

4. Ni muri urwo rwego bidusaba kurushaho kongera imbaraga mu kuzamura umusaruro w'ibicuruzwa twohereza ku isoko mpuzamahanga kugira ngo tugabanye gushingira ubukungu bwacu ku nkunga z'amahanga nubwo tutakwirengagiza zimwe mu mbogamizi ku ishoramari zikigaragara harimo ibikorwaremezo bidahagije cyane cyane mu rwego rw'ingufu no gutwara abantu n'ibintu.

5. Mu by'ukuri ikibazo cy'ibikorwaremezo bidahagije ni ikibazo rusange mu bihugu byinshi by'Afurika. Ni muri urwo rwego mu nama ngarukamwaka y'abanyamuryango baBanki nyafurika itsura Amajyambere iheruka kubera i Kigalicyaje ku isonga mu byari ku murongo w'ibyigwa kugira ngo haboneke igisubizo kirambye.Mu myanzuro yavuye muri iyi nama nuko ibihugu byose bigomba kwita kuri iki kibazo kandi hagashyirwaho ingamba zigamije kongera ibikorwaremezo haba ku rwego rwa buri gihugu ndetse na buri karere muri rusange.

6. Nubwo kuva mu mwaka wa 2010, Guverinoma yakomeje gushyira imbaraga mu kongera ibikorwaremezo hagamijwe kongera umusaruro w'ibyoherezwa mu mahanga,biragaragara ko inzira ikiri ndende. Ni muri urwo rwego Guverinoma yahisemo insanganyamatsiko igira iti: ***"Twongere ibikorwa remezo hagamijwe kongera umusaruro w'ibyoherezwa mu mahanga"*** kuba ariyo igenderwaho muri gahunda z'ubukungu n'ingego y'imari y'umwaka wa 2014/15. Ibi byose bikaba byaritaweho mu gushyiraho

ingamba z'ubukungu mu gihe gicirirtse no mu gutegura ingengo y'imari y'umwaka wa 2014/15.

7. Bityo ijambo mbagezaho ku mushinga w'ingengo y'imali na gahunda z'ubukungu mu mwaka wa 2014/15 rikaba rikubiyemo ibice by'ingenzi bikurikira:
   a) Mbere na mbere, ndabagezaho incamake y'uko imiterere y'ubukungu ku rwego rw'Isi yari ihagaze mu mwaka wa 2013 ndetse n'uko buteganyijwe mu mwaka wa 2014 na 2015;
   b) Mu gice cya kabiri, ndabagezaho muri make ibyo tumaze kugeraho mu rwego rw'ubukungu n'uburyo ingengo y'imali ya 2013/14 yakoreshejwe.
   c) Mu gice cya gatatu, ndabagaragariza ingamba z'ubukungu bw'igihugu cyacu mu gihe gicirirtse;
   d) Mu gice cya kane ndibanda kuri gahunda z'ibikorwa na politiki y'ubukungu bikubiye muri uyu mushinga w'ingengo y'imari ya 2014/15 ndetse n'ibikorwa by'ingenzi bikubiye muri gahunda ya EDPRS 2;
   e) Mu gusoza ndabagezaho imbogamizi dushobora kuzahura nazo.

II. IMITERERE Y'UBUKUNGU BW'ISI MU MWAKA WA 2013 ,2014 NUWA 2015

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

8. Raporo ku bukungu bw'isi (World Economic Outlook) igaragaza koubukungu bw'isi bwiyongereye ku gipimo cya 3 ku ijana, bivuze ko

bwazamutse ku gipimo kiri hasi gato y'ubwiyongere bw'ubukungu bw'isi mu mwaka wa 2012 kuko bwari bwazamutse ku gipimo cya 3.2 ku ijana.Igabanuka ry'umusaruro w'ubukungu bw'ibihugu bikizendetse n'ibindi bifite umuvuduko udasanzwe mu iterambere (Emerging markets)hamwe n'ibikiri mu nzira y'amajyambere bikaba byaragize uruhare muri iri gabanuka ry'ubukungu ku isi.

9. Ubukungu bw'ibihugu bikize bwiyongereye ku gipimo cya 1.3 ku ijana mu mwaka wa 2013 ugereranyijen'igipimo cya 1.4 ku ijana mu mwaka wa 2012.Ubukungu bw'ibihugu bifite umuvuduko udasanzwe mu iteramberebwiyongereye ku gipimo cya 4.7 ku ijana mu mwaka wa 2013, n'igipimo cya 5 ku ijana mu mwaka wa 2012.Ubukungu bw'ibihugu byo munsi y'ubutayu bwa Sahara bwo bwakomeje kuzamuka ku gipimo cya 5 ku ijana mu mwaka wa 2013 ugereranyije n'igipimo cya 4.9 ku ijana mu mwaka wa 2012. Ubukungu bw'ibihugu byo mu muryango w'Afurika y'iburasirazuba (EAC) bwakomeje kuzamuka ku gipimo cya 5.7ku ijana ugereranyije n'igipimo cya 6 ku ijana bwari bwazamutseho mu mwaka wa 2012.

10. Ubukungu bw'isi buteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya 3.6 ku ijana mu mwaka wa 2014 ndetse no ku gipimo cya 3.9 ku ijana mu mwaka wa 2015 bitewe ahanini n'izamuka ry'ubukungu bw'ibihugu bikize ndetse n'ibindi bifite umuvuduko udasanzwe mu iterambere.Ubukungu bw'ibihugu bifite umuvuduko udasanzwe mu iterambere buteganyijwe kuzamuka ku gipimo cya 4.9 ku ijana mu mwaka wa 2014 no ku gipimo cya 5.3 ku ijana mu mwaka wa 2015. Ubukungu bw'ibihugu byo mu munsi y'ubutayu bwa Sahara buzazamuka ku gipimo cya 5.4 ku ijana mu mwaka wa 2014 ndetse

no ku gipimo cya 5.5 ku ijana mu mwaka wa 2015. Naho Ubukungu bw'ibihugu bihuriye mu muryango w'Afurika y'iburasirazuba (EAC)bukaba buteganyijwe kwiyongera ku gipimo cya 6.1 mu mwaka wa 2014.

11. Gusa ntitwakwirengagiza ko hashobora kuzagaragara imbogamizi ku bukungu bw'isi zishingiye ahanini ku igabanuka rikabije ry'ibiciro ku masoko y'ibihugu byateye imbere(deflation), ibibazo byo mu rwego rw'imari mu bihugu byateye imbere no mu bihugu bifite umuvuduko udasanzwe mu iteramberebyitezwe kuzatuma ibiciro by'ibikoresho dutumizayo birushaho guhenda, ndetsen'ibibazo bya politiki mubihugu byo mu Burayi bwo hagati.

III. IMITERERE Y'UBUKUNGU BW'IGIHUGU CYACU MURI IKI GIHE

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

a) Ubwiyongere bw'Umusaruro rusange w'igihugu

12. Ubukungu bw'igihugu cyacu bwiyongereye ku gipimo cya 4.6 ku ijana mu mwaka wa 2013 ugereranyije n'igipimo cya 6.6 ku ijana cyari cyitezwe. Umuvuduko w'ubwiyongere bw'ubukungu bw'igihugu cyacu ukaba waragabanutse ugereranyije n'igipimo cya 8 ku ijana (7.3% after rebasing)bwari bwiyongereyeho mu mwaka wa 2012. Ihagarikwa n'ikererezwa ry'inkunga mu mwaka wa 2012 ndetse n'imihindagurikire y'ikirere yahungabanyije umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi biri mu byagize ingaruka ku musaruro w'ubukungu mu mwaka wa 2013.Umusaruro

w'urwego rw'ubuhinzi wiyongereye ku gipimo cya 3 ku ijana mu mwaka wa 2013 ari nacyo gipimo cy'umusaruro twari twagezeho mu mwaka wa 2012.

13. Ingaruka z'ikererezwa n'ihagarikwa ry'inkunga zikaba zarahungabanyije umusaruro w'urwego rwa serivisi rusanzwe rufite uruhare rubarirwa ku kigereranyo cya 45 ku ijana by'umusaruro rusange w'igihugu cyacu.Uru rwego rukaba rwariyongereye ku gipimo cya 4 ku ijana mu mwaka wa 2013, bitewe n'igabanuka ry'inguzanyo ku bikorera ku giti cyabo ndetse n'ishoramari rya Leta. Umusaruro w'urwego rw'inganda wazamutse ku gipimo cya 11 ku ijana mu mwaka wa 2013 biturutse ahanini ku mirimo y'ubwubatsi yiyongereye ku gipimo cya 11 ku ijana ndetse n'umusaruro w'inganda zikora ibinyobwa wiyongereye ku gipimo cya 4 ku ijana.

b) Izamuka ry'ibiciro ku masoko

14. Muri rusangeibiciro ku masoko mu gihugu cyacu byazamutseku rugero rudakanganye. Igipimo rusange cy'izamuka ry'ibiciro ku masoko (headline inflation) cyazamutse kuri 3.7 ku ijana, naho igipimo cy'izamuka ry'ibiciro ku masokotutabariyemo ibiciro by'ibiribwa n'ingufu(core inflation) cyazamutsekuri 4 ku ijana mu mpera z'ukwezi k'Ukuboza 2013.Ibi bikaba byaratewe nuko ibiciro ku masoko mu bihugu duturanye bitazamutse ku buryo bukabijeno ku igabanuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli ndetse n'igabanuka ry'ibiciro by'ibitumizwa mu mahanga.

c)Imiterere y'ubuhahirane n'amahanga

15. Ibicuruzwa twohereza mu mahanga byiyongereye ku gipimo cya 19 ku ijana mu mwaka wa 2013 bingana na miliyoni 703 z'amadorali y'Amerika, ugereranyije na Miliyoni 590.8 z'amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2012.Bitewe n'izamuka ry'ibiciro by'amabuye y'agaciro ku masoko mpuzamahanga, umusaruro uturuka ku bucuruzi bw'amabuye y'agaciro ukaba wariyongereye kuva kuri miliyoni 136.1 z'amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2012 kugera kuri miliyoni 225.7 mu mwaka wa 2013, bivuze ko wiyongereyeho agera kuri Miliyoni 89.6 z'Amadorali y'Amerika. Umusaruro ukomoka ku ikawa twohereje mu mahanga wageze kuri Miliyoni 54.9 z'Amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2013 bivuze ko wagabanutse ku kigereranyo cya 10 ku ijana ugereranyije na Miliyoni 60.9 z'Amadorali y'Amerika twinjije mu mwaka wa 2012; naho umusaruro w'icyayi ukaba warageze kuri Miliyoni 55.5 z'Amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2013 bivuze ko wagabanutse ku kigereranyo cya 16 ku ijana ugereranyije na Miliyoni 65.7 z'Amadorali y'Amerika twinjije mu mwaka wa 2012. Muri rusange bikaba byaratewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ikawa n'icyayi ku masoko mpuzamahanga kuko ingano y'ibyo twohereza yo yari yiyongereye ku kigereranyo cya 6 ku ijana ku musaruro w'ikawa no ku kigereranyo cya 10 ku ijana ku musaruro w'icyayi.

16. Agaciro k'ibyo dutumiza mu mahanga ntabwo kahindutse cyane kuko twatumije ibicuruzwa bifite agaciro ka miliyoni 1851.5 z'amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2013 ugereranyije na Miliyoni 1859 z'amadorali y'Amerika twari twatumije mu mwaka wa 2012. Kubera igabanuka ry'ibyo dutumiza mu mahanga,ikinyuranyo hagati y'ibyo twohereza n'ibyo

dutumiza mu mahanga (trade deficit) cyagabanutse kuva kuri miliyoni 1268.3 z'amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2012 kugera kuri miliyoni 1148.4 z'amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2013.Kubera ko amafaranga Leta yari yarazigamiye gukoresha mu kurangiza inyubako ya KCC atakoreshejwe, ndetse bitewe nuko icyuho hagati y'ibyo twohereza n'ibyo dutumiza mu mahanga cyagabanutse, ubwizigamire bwa Leta bwagumye ku bushobozi bwo gutumiza ibintu mu mahanga burenga amezi ane.

d) Politiki y'ifaranga ndetse n'imiterere y'isoko ry'imari n'ivunjisha

17. Mu mwaka wa 2013, politiki y'ifaranga yashyizweho na Banki Nkuru y'u Rwanda yafashije gukumira izamuka rikabije ry'ibiciro ku masoko. By'umwihariko ingano y'amafaranga akoreshwa ku masoko (broad money) yiyongereye kugipimo cya 15.7 ku ijana mu mwaka wa 2013 ugereranyije n'igipimo cya 14 ku ijana yari yiyongereyeho mu mwaka wa 2012. Ibi bikaba byaratewe nuko ubwizigamire mu madovize (NFA) bwiyongereye ku gipimo cya 33.9ku ijana kubera amafaranga yari yaturutse mu kugurisha impapuro mpeshamwenda ku masoko mpuzamahanga.

18. Ibiciro ku isoko ry'ivunjisha byakomeje gushingira ku miterere y'isoko ry'ivunjisha muri rusange. Banki Nkuru y'igihugu yakomeje kugira uruhare mu gutuma ibiciro by'ivunjisha bidahindagurika cyane.Kubera ko amadovize ku isoko yari hasi y'akenewe mu gutumiza ibintu mu mahanga mu mwaka wa 2013, agaciro k'ifaranga ryacu ugereranyije n'idorali ry'Amerika kagabanutse ku gipimo cya 6.1 ku ijana ugereranyije n'igipimo cya 4.5 ku ijana mu mwaka wa 2012.

19. Ku bijyanye n'inyungu zakwa ku nguzanyo, Inyungu ku nguzanyo z'igihe gicirirtse zakomeje kugabanuka kugera ku mpuzandengo iri hasi ya 17 ku ijana mu mwaka wa 2013 kubera imicungire y'ifaranga yanogejwe ndetse bitewe nuko amabanki yari afite amafaranga ahagije.

20. Ku bijyanye n'iterambere ry'urwego rw'imari hatanzwe uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda kuri banki nshya y'ubucuruzi (Crane Bank) n'ibigo bibiri by'imari icirirtse, ndetse n'indi banki yo mu rwego rwa Micro finance Bank (AB Bank). Gusa bikaba bikigaragara ko amabanki y'ubucuruzi akihariye isoko ry'imari kuko afite uruhare rungana na 78.6 ku ijana by'isoko ryose ry'imari mu gihugu cyacu.

21. Urwego rw'amabanki rwarushijeho kunguka, kugira amafaranga ahagije ndetse no kongera imari shingiro bijyanye n'iterambere ry'ubukungu bw'igihugu. Uru rwego kandi rukaba rwarabashije guhangana n'ingorane z'ubukungu zaturutse hanze y'igihugu bitewe ahanini no gukurikiza amabwiriza n'umurongo ngenderwaho washyizweho na Banki Nkuru y'igihugu.

22. Umutungo w'amabanki (Assets) wiyongereye ku gipimo cya 21 ku ijana mu mwaka wa 2013 kuko yavuye kuri Miliyari 1,247 z'amafaranga y'u Rwanda mu mwaka wa 2012 agera kuri Miliyari 1,509 z'amafaranga y'u Rwanda mu mwaka wa 2013. Inguzanyo zitangwa ku bikorera ziyongereye ku kigereranyo cya 12.9 ku ijana mu mwaka wa 2013 kuko zavuye kuri Miliyari 747 mu mwaka wa 2012 zigera kuri Miliyari 844 mu mwaka wa 2013. Amafaranga abitswa mu mabanki nayo yazamutse ku kigereranyo cya 20.6 ku ijana kuko yageze kuri Miliyari 1,018 mu mwaka wa 2013. Igipimo

mpuzandengo cy'imari shingiro y'amabanki (capital Adequacy Ratio - CAR) cyageze kuri 23.1 ku ijana mu mpera z'umwaka wa 2013, ni ukuvuga ko cyarenze igipimo cyo hasi ntarengwa cya 15 ku ijana gisabwa n'amategeko agenga amabanki. Impuzandengo y'inguzanyo zitishyurwa neza (Non performing Loans) yageze ku kigereranyo cya 7 ku ijana mu mwaka wa 2013 ugereranyije n'igipimo cya 6 ku ijana mu mwaka wa 2012.

23. Uruhare rw'Ibigo by'imari icirititse (microfinance sector) narwo rukaba rwarabaye ingenzi ku iterambere ry'urwego rw'imari ndetse no kongera amafaranga akenewe mu bikorwa by'ishoramari bizamura ubukungu bw'igihugu cyacu. Igiteranyo rusange cy'imari shingiro y'ibigo by'imari icirititse cyazamutse kuva kuri Miliyari 101 z'amafaranga y'u Rwanda mu mwaka wa 2012 kugera kuri Miliyari 128.7 z'amafaranga y'u Rwanda mu mpera z'umwaka wa 2013, bivuzeko yiyongereyeho agera kuri Miliyari 27.4 z'amafaranga y'u Rwanda. Igiteranyo rusange cy'inguzanyo zatanzwe n'ibigo by'imari icirititse kikaba cyarazamutse kuva kuri Miliyari 59.2 z'amafaranga y'u Rwanda mu mwaka wa 2012 kugera kuri Miliyari 73.5 z'amafaranga y'u Rwanda mu mpera z'umwaka wa 2013. Nubwo ibi byagezweho ariko, impuzandengo y'inguzanyo zitishyurwa neza muri ibi bigo by'imari icirititse ikaba yarazamutse kuva ku gipimo cya 5.3 ku ijana mu mwaka wa 2012 kugera ku gipimo cya 7.3 ku ijana mu mwaka wa 2013. Ubushobozi buke bw'abakozi mu gukurikirana inguzanyo ndetse no kuyobora imirimo y'ubucuruzi mu mabanki n'imwe mu mpamvu z'uku kwiyongera.

e) Uko ingengo y'imari yakoreshejwe

24. Ingengo y'imari ivuguruye ya 2013/14 yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko ikaba yarageraga kuri Miliyari 1677.6 z'amafaranga y'u Rwanda.Ishyirwa mu bikorwa ry'iyi ngengo y'imari ryabangamiwe n'igabanuka ry'ubwiyongere bw'ubukungu bw'igihugu cyacu ryagize ingaruka ku mafaranga yari ateganyijwe kwinjira ava mu misoro n'amahoro ndetse n'ikererezwa rya zimwe mu nkunga z'amahanga ryatumye imishinga imwe n'imwe itinda gushyirwa mu bikorwa. Kuba umuvuduko w'ubwiyongere bw'ubukungu waragabanutse byatumye imisoro yari iteganyijwe kwinjira igabanuka kuko yinjijwe ku kigereranyo cya 84.9 ku ijana by'imisoro yari iteganyijwe kwinjizwa muri rusange kugera muri Gicurasi 2014.

25. Ku bijyanye n'inkunga n'inguzanyo z'amahanga, inkunga zimwe na zimwe zitatangiwe igihe mu gice cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari wa 2013/14 zatumye imishinga imwe n'imwe cyane cyane iyo mu rwego rw'ibikorwaremezo idashyirwa mu bikorwa ku gihe. Gusa kuva mu kwezi kwa mbere kwa 2014 amafaranga aturuka hanze y'igihugu akaba yaratangiye kuboneka ku buryo twari tumaze kwinjiza agera ku kigereranyo cya 97.7 ku ijana mu mpera z'ukwezi kwa gatanu 2014.

IV. Ibyagezweho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2013/14

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

Nyuma yo kubagaragariza uko ingengo y'imari ya 2013/14 yakoreshwejwe, munyemerere mbagezeho mu ncamakeibikorwa by'ingenzi byagezweho:

a) Urwego rw'uburezi

26. Mu rwego rw'uburezi, ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibi bikurikira:
    - Umubare w'ibyumba by'amashuri y'inshuke wariyongereye kuva ku byumba 1870 kugera ku byumba 2148.
    - Hubatswe ibyumba bishya bigera ku 2000 ndetse n'ubwiherero3000 mu rwego rwo kurushaho gushimangira ihame ry'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 12 kuri buri mwana;
    - Hubatswe kandi Amashuri makuru y'ubumenyi ngiro (TVET) mu turere twa Nyamasheke, Rusizi, Rutsiro na Karongi ndetse imirimo yo kubaka andi mashuri yo muri uru rwego ikaba ikomeje ahantu hatandukanye mu gihugu;
    - Ibitabo bigera ku 973,011 byatanzwe mu mashuri abanza; naho ibigera ku bihumbi 417,720 mu mashuri yisumbuye.
    - Binyujijwe muri gahunda ya mudasobwa kuri buri mwana (OLPC), mudasobwa ibihumbi 10 zatanzwe mu mashuri atandukanye mu

gihugu, ndetse izigera ku bihumbi 42,978 zikaba zaraguzwe zirimo gutangwa;

- Mu rwego rwo kurushaho kunoza ireme ry'uburezi amashuri yose makuru ya Leta yahurijwe muri Kaminuza imwe y'u Rwanda ndetse Guverinoma ikaba ikomeje kongeraibikorwaremezo n'ibikoresho bitandukanye muri iyo Kaminuza;

b) Urwego rw'ubuzima

27. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu rwego rw'ubuzima mu mwaka wa 2013/14 ni ibi bikurikira:
    - Mu rwego rwo kurushaho kwegereza ubuvuzi bw'ibanze abaturage havuguruwe ibitaro bya Kibuye na Kirehe; ndetse imirimo yo kubaka ibigo nderabuzima bigezweho bya Mukura na Rulindo ikaba yararangiye;
    - Inyigo zo kuvugurura ibitaro bya Ruhengeri na Byumba ikaba yararangiye, imirimo yo kubyubaka ikazatangira muri iyingengo y'imari ya 2014/15;
    - Imirimo yo kubaka ibitaro bya Nyagatare na Nyabikenke ndetse n'ivuriro rya Rutare nayo irakomeje;
    - Mu rwego rwo kongera abakozi mu bitaro n'amavuriro babifitiye ubumenyi n'ubushobozi, hashyizwe mu myanya abaganga, ababyaza n'abaforomo b'umwuga mu bitaro n'amavuriro mu gihugu hose;

c)Urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi

28. Mu rwego rw'ubuhinzi n'ubworozi, ibikorwa byagezweho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2013/14 ni ibi bikurikira:

- Mu rwego rwo kugabanya umusaruro upfa ubusa no kongera ibigega bihunika imyaka hagamijwe kwihaza mu biribwa, haguzwe toni zigera ku bihumbi 276.39 z'ibishyimbo zihunikwa mu bigega rusange bya Leta. Kugeza uyu munsi tukaba tumaze guhunika mu bigega bya Leta toni zigera ku bihumbi 10,237z'ibigori ndetse na toni 3,893 z'ibishyimbo;
- Hatunganyijwe amaterasi agera kuri hegitari 11,270 mu rwego rwo kongera ubuso buhingwaho ndetse hashyirwaho uburyo bwo kuhira imyaka ku buso bwa hegitari 827;
- Hubatswe imihanda yo mu cyaro ifasha abahinzi borozi kugeza umusaruro ku masoko (feeder roads) ingana na Km 97.28 mu turere twa Muhanga, Ngoma, Huye, Bugesera na Rubavu ndetse hakaba hari gukorwa ibindi birometero 8 mu turere twa Rulindo na Ngororero;
- Mu rwego rwo kongerera agaciro umusaruro uva mu buhinzi, hashyizweho inganda zitunganya umusaruro cyane cyane uruganda rutunganya ibirayi rwa Musanze ndetse n'urundi rutunganya ibiryo by'amatungo muri Musanze na Rwamagana.

d) Urwego rw'ubucuruzi n'inganda

29. Mu rwego rw'ubucuruzi n'inganda ibyagezweho mu mwaka wa 2013/14 ni ibi bikurikira:
    - Twashyize imbaraga mu guteza imbere ubucuruzi ndengamipaka dushyiraho ibikorwaremezo by'ibanze byorohereza abacuruzi;
    - Twakomeje gushishikariza abashoramari kubaka ibikorwaremezo by'ibanze bifasha imirimo y'ubucuruzi ku masoko ahurirwaho n'ibihugu byo mu karere nka Cyanika, Rugari, Rusizi-I, Rugando, Akanyaru Haut na Nemba;

- Gutanga ingurane (expropriation)ku baturage bimuwe ahazubakwa inganda muri Huye, Rusizi na Nyabihu byararangiye;
- Ibikorwaremezo by'ibanze mu gace kagenewe inganda mu karere ka Bugesera bikaba byarashyizweho ndetse inyigo yo gutangira kubaka irimo gukorwa;
- Imirimo yo kwimura inganda zahoze mu gace ka Gikondo irakomeje.

e) Urwego rw'itumanaho n'ikoranabuhanga

30. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu rwego rw'itumanaho n'ikonabuhanga mu mwaka wa 2013/14 ni ibi bikurikira:
    - Hateguwe igitabo gitanga amakuru kuri buri serivisi zitangirwa mu bigo 85 bya leta hifashishijwe ikoranabuhanga;
    - Hashyizweho uburyo bw'ikoranabuhanga bufasha gukorana inama n'abantu bari kure (videoconferencing) mu bigo bya Leta bigera Kuri 45;
    - Hahuguwe abanyeshuri bagera ku bihumbi 5,109 mu turere tw'icyaro ku bumenyi bw'ibanze bw'ikoranabuhanga cyane cyane twibanda kurushaho gukangurira urubyiruko rw'igitsinagore gutinyuka imirimo ijyanye n'ikoranabuhanga;
    - Icyiciro cya mbere cy'abanyeshuri bagera Kuri 24 barangije mu ishuri ry'inzobere mu ikoranabuhanga rya Carnegie Mellon University,bakaba barahawe impamyabushobozi ku rwego rw'icyiciro cya gatatu (masters) mu ikoranabuhanga ndetse n'ubumenyi mu by'amashanyarazi (electrical engineering);

- Imirimo yo gukwirakwiza umuyoboro wa interineti wa 4G LTEwatangiriye i Kigali ubu ukaba umaze gukwirakwizwa ku kigereranyo cya 60 ku ijana;

f) Urwego rwo gutwara abantu n'ibintu n'ingufu

31. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu rwego rwo gutwara abantu n'ibintu n'ingufu mu mwaka wa 2013/14 ni ibi bikurikira:
    - Umuhanda wa Rusizi- Ntendezi- Mwityazo wararangiye;
    - Imirimo yo gusana umuhanda wa kaburimbo wa Kigali-Gatuna (km 80) uri hafi kurangira, ubu imirimo ikaba igeze ku kigereranyo cya 88 ku ijana;
    - Imirimo yo gutunganya umuhanda uhuza uturere tuzengurutse ikiyaga cya Kivu (kivu Belt)mu cyiciro cya 4 n'icya 5 yaratangiye;
    - Imirimo yo kwagura Ikibuga cy'indenge mpuzamahanga cya Kigali irakomeje ndetse no kwimura abaturage ahazubakwa ikibuga cy'indege mu Karere ka Bugesera ikaba igikomeje;
    - Imirimo yo gusana imihanda yo mu ujyi wa Huye ndetse n'Umuhanda wa Kitabi-Crete Congo Nil ikaba yaratangiye.
    - Imirimo yo kubaka urugomero rwa Nyabarongo igeze ku kigereranyo cya 99 ku ijana naho imirimo yo kubaka ingomero nto 6 n'urugomero rwa Rukarara II nayo irakomeje;
    - Hakozwe imirimo yo gusana ingomero nto 3 za Mukungwa I, gihira na Gisenyi;

g) Urwego rw'imibereho myiza y'abaturage

32. Ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage mu waka wa 2013/14 ni ibi bikurikira:
    - Guverinoma yarihiye amafaranga y'ishuri mu mashuri makuru na Kaminuza abanyeshuri bacitse ku icumu rya jenoside batishoboye bagera ku bihumbi 16,359 ndetse inabaha amafaranga yo kubatunga ku ishuri;naho abagera ku bihumbi 24,141 bakaba barishyuriwe amashuri yisumbuye n'ay'imyuga ndetse banahabwa ibikoresho by'ishuri bitandukanye;
    - Amazu mashya agera Kuri 30 yubakiwe abacitse ku icumu badafite icumbi, naho agera Kuri 800 akaba yarasanywe;
    - Abahoze ku rugerero babana n'ubumuga bagera ku bihumbi 2,773 bishyuriwe umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza ndetse bahabwa n'ubundi buvuzi bwihariye bakeneye; naho abagera ku bihumbi 2,759 bahabwa ingoboka ya buri kwezi ibafasha kubaho;
    - Gahunda ya VUP ifasha abatishoboye yafashije gutanga ingoboka (direct support) ku miryango itishoboye igera ku bihumbi 59,122 mu mirenge 240;
    - Naho icyiciro cy'imirimo rusange (public Works) gifasha abatishoboye muri gahunda ya VUP ikaba yaragejejwe ku miryango ibihumbi 25,850 mu mirenge 150;
    - Imiryango ibihumbi 36,469 ku miryango yabaruwe igera ku bihumbi 47,447 ituye mu manegeka (high risk zones) yafashijwe gutuzwa neza;
    - Hishyuriwe umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza abaturage batishoboye Barenga Miliyoni 2 babaruwe mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe.

V.INGAMBA Z'UBUKUNGU MUGIHE GICIRIRITSE,

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

33. Nkuko nabagejejeho haruguru ibikorwa by'ingenzi twagezeho mu rwego rw'ubukungu ndetse n'imibereho myiza y'abaturage mu mwaka ushize wa 2013/2014, munyemerere mbagezeho ingamba z'ubukungu tuzibandaho mu gihe giciriritse.

34. Kubera ingorane z'ubukungu navuze haruguru zatumye umusaruro w'ubukungu bw'igihugu cyacu uzamuka ku gipimo cya 4.6 ku ijana mu mwaka wa 2013 bitewe n'ingorane nagaragaje, guverinoma yashyizeho ingamba zidasanzwe zigamije kongera ubukungu bw'igihugu cyacu binyujijwe mu mishinga ya Leta n'abikorera ndetse n'izindi zizafasha kongera umusaruro w'ubuhinzi, inganda n'urwego rwa serivisi.

35. Kubera izo ngamba zafashwe, ubukungu bw'igihugu cyacu buteganyijwe kwiyongera ku gipimo cya 6 ku ijana mu mwaka wa 2014, bukomeze kuzamuka ku gipimo cya 6.7 mu mwaka wa 2015 ndetse no ku gipimo cya 7 mu mwaka wa 2016. Umusaruro w'urwego rw'ubuhinzi uzazamuka kuva ku gipimo cya 3 ku ijana mu mwaka wa 2013 ugere ku gipimo cya 5 ku ijana mu mwaka wa 2014. Umusaruro w'urwego rw'inganda, uzava ku gipimo cya 11 ku ijana mu mwaka wa 2013 ugere ku gipimo cya 6 ku ijana mu mwaka wa 2014.Urwego rwa serivisi narwo rukaba rwitezwe kuzazamuka kuva ku

gipimo cya 4 ku ijana mu mwaka wa 2013 kugera ku gipimo cya 7 ku ijana mu mwaka wa 2014 ndetse no mu gihe gicirirtse bitewe nuko ishoramari rya Leta n'inguzanyo zihabwa abikorera ziziyongera.

36. Mu mwaka wa 2014, umusaruro w'ibyotwohereza mu mahanga uzazamuka kuva Kuri Miliyoni 703 z'amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2013 kugera Kuri Miliyoni 751 z'amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2014 biturutse cyane cyane ku kwiyongera kw'ibiciro by'amabuye y'agaciro twohereza mu mahanga. Ibyo dutumiza mu mahanga biteganyijwe kwiyongera ku kigereranyo cya 4 ku ijana kuva Kuri Miliyoni 1851.7 z'amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2013 kugera kuri Miliyoni 2,147.4 z'amadorali y'Amerika mu mwaka wa 2014.

37. Mu mwaka wa 2014 Leta izakomeza kugurisha ku isoko ry'imari impapuro mpeshamwenda z'igihe kirekire ari nabyo bizatuma isoko ry'imari ritera imbere kubera ko izi mpapuro zizaba zishobora kongera kugurishwa ku bandi bazikeneye (secondary market).

38. Ingamba ziteganyijwe mu rwego rw'imari zizashingira ku kubaka urwego rw'imari ruhamye kandi rushimangira ubukungu butajegajega. By'umwihariko tukazashyiraho ingamba zifasha gukumira kwiyongera kw'inguzanyo zitishyurwa neza (non performing loans).

39. U Rwanda rukazarushaho guteza imbereisoko ry'imari n'imigabane nk'inzira yo gushimangira ubukungu butajegajega ndetse no kwigira.

40. Intego ya leta y' U Rwanda mu gihe gicirirtse, ni ukugabanya icyuho mu ngengo y'imari dushyiraho ingamba zihamye zo kwinjiza amafaranga ava imbere mu gihugu ari nako twirinda isesagura mu gukoresha amafaranga ya Leta twita cyane cyane ku bikorwa bibyara umusaruro kurusha ibindi.Mu gihe gicirirtse amafaranga y'imisoro yinjizwaateganyijwe kwiyongera ku kigereranyo cya 1.1 ku ijanaby'umusaruro rusange w'igihugu buri mwaka mu gihe gicirirtse.

41. Ku birebana n'uburyo amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari mu gihe gicirirtse, tuzashyira imbaraga mu kurangiza imishinga y'ingenzi cyane cyane ijyanye n'ubuhinzi, amashanyarazi, imihanda, guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga n'imishinga igamije kubungabunga imibereho myiza y'abaturage nkuko bikubiye muri gahunda ya EDPRS 2.

VI. INGENGO Y'IMARI Y'UMWAKA WA 2014/2015

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

Munyemerere kandi mbagezaho ibikorwa na gahunda by'ingenzi bikubiye mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2014/15.

42. Ingengo y'imari y'umwaka wa 2014/15 ishingiye ku ngamba z'igihe gicirirtse nabagaragarije haruguru.

43. Amafaranga yose ateganyijwe kwinjizwa mu Ngengo y'Imari ya 2014/15 aragera kuri Miliyari 1,753.3. z'amafaranga y'u Rwanda bivuze ko aziyongeraho Miliyari 75.6z'amafaranga y'u Rwanda ugereranyije na Miliyari 1,677.7 mu ngengo y'imali ivuguruye y'umwaka wa 2013/14.Amafaranga ateganyijwe kwinjira ava imbere mu gihugu angana na Miliyari 1,085.6 z'amafaranga y'u Rwanda aribyo bingana na 62ku ijana. Akomoka ku misoro azagera kuri Miliyari 906.8 bingana na 52 ku ijana; naho agera kuri Miliyari 79.3 akazakomoka ku bindi bitari imisoro aribyo bingana na 4.5 ku ijana. Inguzanyo z'imbere mu gihugu zizagerakuri Miliyari 95.6. Amafaranga azava hanze y'igihugu arangana na Miliyari 667.6bingana na 38ku ijana by'ingengo y'imari yose. Muri ayo, Inkunga z'amahanga (Grants) ziteganyijwe kugera kuri Miliyari 544.8 bingana na 31ku ijana; naho Inguzanyo z'amahanga zikazagera kuri Miliyari122.8 z'amafaranga y'U Rwanda mu mwaka w'Ingengo y'imari ya 2014/15 aribyo bingana na 7 ku ijana.

44. Kubirebana n'uburyo amafaranga azakoreshwa, ingengo y'imari yagenewe ibikorwa bisanzwe (recurrent expenditures) iragera kuri Miliyari864.5, bingana na 49ku ijana. Amafaranga ateganyijwe gukoreshwa mu mishingay'iterambere (development budget) mu ngengo y'imari ya 2014/15 akazagera kuri Miliyari 784.1 aribyo bingana na 45ku ijana. Amafaranga agenewe ibikorwa by'ishoramari rya Leta mu bigo by'ubucuruzi(net lending) aragera kuriMiliyari104.7 aribyo bingana na 6 ku ijana.Biteganyijwe ko icyuho mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2014/15 kizagera kuriMiliyari177.2 (bingana na 3.1ku ijana by'Umusaruro rusange w'igihugu) ugereranyije na Miliyari 271.2 (bingana na 5.3 ku ijana by'umusaruro rusange w'igihugu) mu ngengo y'imari ya 2013/14.

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

45. Nkuko nabivuze haruguru, amafaranga ateganyijwe kuva ku misoro aziyongera biturutse ku ngamba n'amavugurura bikurikira:
    - Kongera umusoro ku makarita ya telefoni kuva ku gipimo cya 8 ku ijana kugera ku 10 ku ijana;
    - Gukomeza gukwirakwiza ikoranabuhanga ry'imashini zikoreshwa mu bucuruzi (Electronic Billing Machine);
    - Kongera umubare w'abasoreshwa (tax base);
    - Gukomeza gukangurira abaturage gutanga imisoro;
    - Kurushaho gukoresha ikoranabuhanga mu bwakirizi bw'imisoro bigamije korohereza abasoreshwa.

46. Nyuma yo kungurana ibitekerezo na ba Minisitiri bafite Imari mu nshingano zabo mu bihugu by'Afurika y'I Burasirazuba, hemeranyijwe impinduka z'ibipimo rusange by'amahoro ku bicuruzwa bituruka hanze y'umuryango w'ibihugu by'Afurika y'I Burasirazuba (CET) bizakoreshwa muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2014/15 ku buryo bukurikira:
    - Imodoka nini zikururana(Road tractors for semi trailors)zizajya zishyura ku gipimo cya 0 ku ijana aho kuba 10 ku ijana;
    - Imodoka nini zikururana(Road tractors for semi trailors) zitwara hagati ya toni 5 na toni 20 zizajya zisora ku gipimo cya 10 ku ijana aho kuba 25 ku ijana;
    - Imodoka nini zikururana(Road tractors for semi trailors)zirengeje toni 20 zizajya zisoreshwa ku gipimo cya 0 ku ijana;

- Imodoka nini zitwara abantu batarenze 25 zizajya zisoreshwa ku gipimo cya 10 ku ijana; izitwara abantu barenze 25 zikazajya zisoreshwa ku gipimo cya 0 ku ijana;
- Ingano zizajya zisoreshwa ku gipimo cya 0 ku ijana aho kuba 35 ku ijana;
- Isukari izajya isoreshwa ku gipimo cya 0 ku ijana aho gusoreshwa ku gipimo cya 100 ku ijana. Ariko igipimo ntarengwa cy'isukari izaba yemerewe gutumizwa kikazagenwa n'Inama y'abaminisitiri bafite imari mu nshingano zabo.
- Umuceri udatonoye ndetse n'uvanze uzajya usoreshwa ku gipimo cya 45 ku ijana aho gusoreshwa ku gipimo cya 75 ku ijana cyangwa ku gipimo cy'amadorali 200 kuri toni;
- Ibikoresho by'urwego rw'itumanaho bizajya bisoreshwa ku gipimo cya 0 ku ijana;
- Isima izajya isoreshwa ku gipimo cya 25 ku ijana aho gusoreshwa ku gipimo cya 35 ku ijana;

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

Munyemerere mbagezeho uburyo amafaranga asaranganyijwe mu bikorwa bitandukanye biri mu ngengo y'imari ya 2014/15.

47. Mu ngengo y'imari ya 2014/15, icyiciro gikubiyemo gahunda z'ingenzi za EDPRS 2 cyagenewe 52 ku ijana by'ingengo y'imari yose ya 2014/15. Muri icyo cyiciro, ibikorwa bigamije kwihutisha iterambere byagenewe 25 ku

ijana; gahunda ziteza imbere icyaro zigenerwa 14 ku ijana; ibikorwa bigamije kongera umusaruro no guhanga umurimo ku rubyiruko bikaba byaragenewe 10 ku ijana, naho urwego rw'imiyoborere myiza rugenerwa 3 ku ijana. Icyiciro gikubiyemo gahunda zishimangira ibyagezweho muri EDPRS 1 aribyo bigize ishingiro ry'izindi ngamba (foundational issues) cyagenewe 36 ku ijana by'ingengo y'imari yose ya 2014/15. Naho icyiciro cya gahunda zigamije kunoza serivisi mu nzego za Leta (support functions) kikaba cyaragenewe agera kuri 12ku ijana by'ingengo y'imari yose ya 2014/15.

48. Ibikorwa n'imishinga by'ingenzi bikubiye muri buri cyiciro cya EDPRS ya 2 ni ibi bikurikira:

a) Kwihutisha umuvuduko w'ubwiyongere bw'ubukungu

49. Intego nyamukuru y'uru rwego ni ukugaragaza ibikorwa by'ingenzi bishimangira iterambere ryihuse ry'ubukungu bw'igihugu cyacu tugamije kugera ku ntego twihaye zikubiye muri gahunda y'icyerekezo 2020 nyuma yuko zavuguruwe. Ni muri urwo rwego imishinga y'ingenziikurikira izitabwaho mu ngengo y'imari ya 2014/15:
    - Umushinga wo kubaka umuyoboro munini w'amashanyarazi mu gihugu hose (nation-wide transmission line): Miliyari 25.7;
    - Gahunda yo gukwirakwiza amashanyarazi mu gihugu: Miliyari 21.9;
    - Kubaka umuhanda Rukomo – Base ufite Km 51 (lot 2): miliyari 19.5
    - Umushinga w'amashanyarazi akomoka ku mashyuza (geothermal): Miliyari 17.7

- Umushinga wo gukwirakwiza amashanyarazi mu turere 6 tw'Intara y'I Burasirazuba: Miliyari 12.4
- Umushinga wo kongera ingufu hifashishijwe ikoranabuhanga ribungabunga ibidukikije binyujijwe mu kigega cya FONERWA: Miliyari 10.8;
- Kubaka urugomero rw'amashanyarazi rwa Rusizi II ruzatanga MW 145: Miliyari 10;
- Umushinga wo guteza imbere ikoranabuhanga: Miliyari 8.2;
- Kurangiza imirimo yo kubaka urugomero rwa Nyabarongo ruzatanga MW 27: Miliyari 8.1;
- Kubaka urugomero rwa Rusumo: Miliyari 7.5;
- Gukomeza kubaka umuhanda Cyangugu-Ntendezi-Mwityazo ufite Km 50: Miliyari 7.2;
- Gukomeza imirimo yo kwimura inganda ziri mu gace ka Gikondo: Miliyari 6.2;
- Imirimo yo gusana ingomero nto za Mukungwa1, Gihira na Gisenyi: Miliyari 5.9;
- Umushinga wo guteza imbere ibihingwa byoherezwa mu mahanga (PRICE): Miliyari 5.3;
- Umushinga wo gutunganya nyiramugengeri: Miliyari 4.2;
- Kongera ubuso buhingwaho icyayi: Miliyari 4;
- Gutunganya ahantu hagenewe inganda mu ntara enye z'igihugu (provincial industrial park): Miliyari 3.8;
- Umushinga wo kunoza servisi za Guverinoma hifashishijwe ikoranabuhanga (E-government): Miliyari 3.7;
- Umushinga wo gushyira amatara ku mihanda (street lighting): Miliyari 2.6;

- Umushinga wo guteza imbere ubukerarugendo: Miliyari 2.5;
- Umushinga wa Gako ugamije korora inka zitanga inyama: Miliyari 2.5;
- Umushinga wo kwagura no gusana ibibuga by'indege bya Kamembe na Rubavu: Miliyari 2.5;
- Umushinga wo gutanga ibyangombwa by'ubutaka: Miliyari 2.4;
- Umushinga wo gukumira ingaruka ku bidukikije mu gace k'amajyaruguru y'uburengerazuba bw'u Rwanda: Miliyari 2;
- Umushinga wo kongera ingufu wa Kivu watt: Miliyari 2;
- Umushinga ugamije koroshya ubuhahirane n'ubwikorezi uhuriweho n'ibihugu bigize Umuryango w'Ibihuguby'Afurika y'I Burasirazuba: Miliyari 1.9;
- Umushinga wo gutunganya ahazubakwa amazu acirirtse (affordable houses) 1,200 mu mujyi wa Kigali: Miliyari 1.9;
- Kongera ingufu zigera kuri MW 15 mu ruganda rwa CIMERWA: Miliyari 1.8;
- Kubaka umuhanda ugera ahari ibigega by'ibikomoka kuri peteroli: Miliyari 1.8;
- Kubaka umuhanda ugana ahazubakwa ikibuga cy'imikino cya Gahanga: Miliyari 1.8;
- Gusana umuhanda Huye-Kitabi (Km 53): Miliyari 1.8;
- Kubaka umuhanda ugana ahari hoteri ya KCC (km 10): Miliyari 1.8;
- Umushinga ugamije guteza imbere umusaruro w'inganda: Miliyari 1.3;
- Kubaka umuhanda wa Bugarama – CIMERWA: Miliyari 1.3;
- Umushinga wo kubaka ikiraro cya Rusumo: miliyari 1.1;
- Umushinga wo kubaka umuhanda ugana ahazubakwa inganda muri Rwamagana: Miliyari 1;

- Kubaka ibikorwaremezo bitandukanye bigamije kugeza umusaruro ku masoko: Miliyari 1.

b) Guteza imbere icyaro

50. Intego nyamukuru y'iki cyiciro ni ukuzahura imibereho myiza y'abaturage batuye mu cyaro binyuze mu kugabanya ubukene bukabije mu bice by'icyaro. Ni muri urwo rwego imishinga y'ingenzi izitabwaho mu ngengo y'imari ya 2014/15 ari iyi ikurikira:
    - Umushinga wo kubungabunga ishyamba rya Gishwati: Miliyari 15;
    - Umushinga wo gukwirakwiza inyongeramusaruro harimo ifumbire mvaruganda n'imbuto z'indobanure: Miliyari 10;
    - Umushinga wo gukwirakwiza amazi meza n'isuku mu duce tw'ikiyaga cya Victoria: Miliyari 8.5;
    - Umushinga wo guteza imbere ubuhinzi mu cyaro (RSSP Phase II): Miliyari 7.7;
    - Umushinga wo gushyiraho uburyo bwo kuhira imyaka ku misozi no mu bishanga (GFI): Miliyari 7.2;
    - Gahunda yo gutunganya igishanga cya Kirehe: Miliyari 6.3;
    - Umushinga wo kubaka ibikorwaremezo by'ibanze mu karere ka Bugesera: Miliyari 5.8;
    - Umushinga wo kubaka imihanda mu mijyi yo ku rwego rwa kabiri (secondary cities): Miliyari 4.4;
    - Umushinga wo gukwirakwiza amazi meza n'isuku (PNEAR): Miliyari 3.1;
    - Umushinga wo guteza imbere ibikorwaremezo by'ubworozi: Miliyari 2.3;

- Umushinga ugamije guteza imbere imibereho myiza y'abaturage: Miliyari 2.3;
- Umushinga wo gukwirakwiza gahunda y'inkongoro y'amata kuri buri mwana: Miliyari 2;
- Umushinga wo guteza imbere imirire myiza ku bana; Miliyari 1.8;
- Gukomeza icyiciro cya kabiri cy'umushinga wo gukwirakwiza amazi meza muri Butare: Miliyari 1.7;
- Umushinga wo koroza inka kuri buri muryango utishoboye: Miliyari 1.1;

c)Kongera umusaruro no guhanga imirimo ku rubyiruko

51. Gahunda z'ingenzi n'imishinga bikubiye muri icyi cyiciro mu ngengo y'imari ya 2014//15 ni izi zikurikira:
    - Umushinga ugamije kongera ubumenyingiro (skills development): Miliyari 13.8;
    - Umushinga wo kongera ibikorwaremezo bikenewe mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET schools): Miliyari 10.5;
    - Umushinga wo kwagura ishuri rikuru ry'imyuga cya Kicukiro: Miliyari 7.5;
    - Gahunda yo gukwirakwiza mudasobwa: Miliyari 5.2;
    - Umushinga wo ugamije guhanga imirimo: Miliyari 3;
    - Umushinga wo kwagura amacumbi y'abanyeshuri mu mashuri makuru ya Leta: Miliyari 2.4;
    - Umushinga wo kongera ibikorwaremezo mu ishuri rikuru rya Rukara: Miliyari 1.7;

- Umushinga wo kongera ibikorwaremezo muri Kaminuza y'u Rwanda: Miliyari 1.5;

d) Icyiciro cy'imiyoborere myiza

52. Icyi cyiciro gikubiyemo ibikorwa bigamije gushimangira ihame ry'imiyoborere myiza no gufasha abaturage kugira uruhare muri gahunda n'ibyemezo bibafatirwa. Imishinga na gahunda z'ingenzi byagenewe amafaranga mu ngengo y'imari ya 2014/15 muri iki cyiciro ni ibi bikurikira:
    - Umushinga wo gucunga umutekano w'amakuru hifashishijwe ikoranabuhanga: Miliyari 3.1;
    - Kubaka ibikorwaremezo muri z'Ambasade z'u Rwanda hirya no hino ku isi: Miliyari 2.8;
    - Gukora indi imishinga y'ikoranabuhanga igamije guteza imbere imiyoborere myiza: Miliyari 2;
    - Kubaka ubushobozi bw'inzego z'ubutabera: Miliyari 1.8;
    - Guteza imbere imiyoborere myiza n'ubushobozi bw'abaturage mu kurushaho kugira uruhare mu bibakorerwa: Miliyari 1.4
    - Kubaka urukiko rw'ubucuruzi: Miliyari 1.1
    - Gusana no kwagura amagereza mu rwego rwo kugabanya ubucucike mu magereza: Miliyoni 800.

VII. INGORANE ZITEZWE KUBA ZAGIRA INGARUKA KU MUSARURO W'UBUKUNGU N'ISHYIRWAMUBIKORWA RY'INGENGO Y'IMARI

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;
Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;
Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

Munyemerere mbagezeho zimwe mu ngorane zitezwe kuba zagira ingaruka ku bukungu bw'igihugu cyacu ndetse n'uburyo zishobora kuzabangamira ishyirwamubikorwa ingengo y'imari ya 2014/15.

53. Mu gutegura ingengo y'imari ya 2014/15 Guverinoma yitaye ku ngorane z'ubukungu ku rwego rw'isi muri rusange ndetse n'izindi zishobora guturuka imbere mu gihugu. Ku ruhande rw'ingorane zikomoka hanze y'igihugu, twavugamo kuzahara k'ubukungu bw'ibihugu byateye imbere byitezwe kuzagira ingaruka ku nkunga zihabwa igihugu cyacu ndetse n'ibicuruzwa twohereza ku masoko mpuzamahanga.

54. Ku ruhande rw'ingorane zitezwe guturuka imbere mu gihugu, twavuga ahanini imihindagurikire y'ikirere igira ingaruka mbi ku musaruro w'urwego rw'ubuhinzi ndetse no kwihaza mu biribwa. Kuzahara k'ubukungu kandi bishobora kuzagira ingaruka ku mafaranga yinjizwa na leta akomoka imbere mu gihugu, bityo bikazatuma ibikorwa leta ikoreshamo amafaranga nabyo bigabanuka. Gusa tukaba twabizeza ko hashyizweho ingamba zo gukurikiranira hafi izi ngorane (Economic Monitoring Team) kugira ngo ingamba zo kuzikumira zifatwe ku gihe.

VIII. UMWANZURO

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe wa Sena;

Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite;

Ba Nyakubahwa mugize Inteko Ishinga Amategeko;

55. Mu gusoza, munyemerere mbabwire ko uyu mushinga w'ingengo y'imari ya 2014/15 ndetse n'ingamba z'ubukungu mu gihe giciritse byitaye ku miterere y'ubukungu mu gihugu cyacu, mu karere ndetse no ku rwego rwi'si. Uyu mushinga ukaba kandi ujyanye n'ingamba zikubiye muri gahunda ya EDPRS 2 ari nazo zatanze umurongo ngenderwaho mu kugena ibikorwa bizakoreshwamo amafaranga mu ngengo y'imari, bityo bikaba biduha icyizere ko inyinshi mu ntego twihaye muri gahunda ya EDPRS 2 zizagerwaho.

56. Bijyanye nuko mu gihe kiri imbere inkunga z'amahanga zizarushaho kugabanuka hamwe nukoLeta ifite gahunda yo kugabanya uruhare rw'inkunga mu ngengo y'imari, ibikorwa bigamije kongera umusaruro w'ibicuruzwa twohereza ku masoko mpuzamahanga no kongera amafaranga akomoka imbere mu gihugu bizarushaho kwitabwaho. Gusa sinabura kubagezaho impungenge zijyanye nuko ikigereranyo cy'ibikorwa bikubiye muri gahunda ya EDPRS 2 byagenewe amafaranga bikiri bike ugerereranyije n'umuvuduko w'ubukungu twifuza. Akaba ariyo mpamvu gahunda z'ibikorwa bya leta biteganyijwe bizunganirwa n'ishoramari ry'abikorera ku giti cyabo.

57. Nkaba ndangije mbashimira umwanya mwampaye kugira ngo mbagezeho uyu mushinga w'ingengo y'imari ya leta ya 2014/15 mboneraho kubasaba kuwemeza kugira ngo gahunda z'ibikorwa zikubiyemo zizatangire gushyirwa mu bikorwa mu gihe cyateganyijwe.

Murakoze !